REPUBULIKA Y'U RWANDA

URUKIKO RWISUMBUYE RWA
NYAMAGABE

## INYANDIKO Y'UMWANDITSI IHAMAGARA UMUBURANYI UDAFITE AHO ABARIZWA HAZWI

Umwaka wa 2022, umunsi wa 19 w'ukwezi kwa Gicurasi

Byemejwe n'Urukiko mu iburanisha ryo kuwa 19/05/2022;

Twebwe NSABIMANA LADISLAS , umwanditsi w'Urukiko Rwisumbuye rwa NYAMAGABE
Dushingiye ku ngingo ya 102 ,igika cya 2 y'Itegeko nº 027/2019 ryo kuwa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha;

Duhamagaye NTAKIRUTIMANA Emmanuel mwene SEBUGWARE Anastase na MUKARUBUGA, wahoze atuye mu Mudugudu wa Ruramba, Akagari ka Ruramba, Umurenge wa Ruramba, Akarere ka Nyaruguru, Intara y'Amajyepfo, ubu akaba adafite aho aba hazwi haba mu Rwanda cyangwa mu mahanga, ko agomba kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa NYAMAGABE ,kuwa 21/07/2022 sa 8h20 za mugitondo aho ruburanishiriza imanza z'inshinjabyaha;

ngo aburane urubanza n° RP 00039/2021/TGI/NYBE ku cyaha aregwa n'Ubushinjacyaha cyo guhoza ku nkeke uwo bashyingiranywe, giteganywa kandi kigahanishwa ingingo y'147 y'Itegeko Nº 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange.

« Kubera ko uhamagawe mu rukiko adafite aho atuye cyangwa aho aba hazwi haba mu Rwanda cyangwa mu mahanga, tunmanitse ku Rukiko Rwisumbuye rwa NYAMAGABE kopi y'iri hamagara ........................ (ahagenwe n'urukiko) kandi inyandukuro ihinnye yayo tuyohereje Inkiko zose Zisumbuye z'u Rwanda imanikwe ahagenewe kumanikwa amatangazo mu gihe cy'amezi abiri ».

UHAMAGAWE
NTAKIRUTIMANA Emmanuel

UMWANDITSI
NSABIMANA LADISLAS